

Menya ukuri ku byerekeye Imana

Soma mu Baroma 10:13-15. Kugira ngo abantu bambaze izina rya Yehova, baba bakeneye ko hagira Abakristo bababwiriza ubutumwa bwiza. Jya ku ipaji ibanza y'urubuga rwa jw.org/rw, maze wirebere ukuntu abantu babarirwa muri za miliyoni batangaza “ubutumwa bwiza bw’ibintu byiza.”

Mwese abagize umuryango murebe amafoto yose ari ku ipaji ibanza y'urubuga ahagana hejuru, hanyuma mugeregeze gufura igihugu cyahagaragajwe mwerekane n’aho kiri ku ikarita iri hasi aha. Hanyuma mukande ahanditse ngo “FUNGURA,” kugira ngo murebe ko ibisubizo mwatanze ari byo, mumenye n’umubare w’Abahamya ba Yehova bigisha Bibiliya muri icyo gihugu. Noneho mushyire ikimenyetso ku ikarita kigaragaza aho ibihugu mwarebye biherereye, n’aho igihugu mutuyemo gihereye.

► **MUGEREGEZE GUKORA IBI.** Mutoranye kimwe mu bihugu byagaragajwe ku ipaji ibanza y'urubuga rwa jw.org/rw. Hanyuma mushakishe indimi zivugwa muri icyo gihugu mwifashishije ibikoresho by’ubushakashatsi mushobora kubona. Muje ku rubuga rwa jw.org/rw murebe ahanditse ngo “Ibitabo,” mugeregeze gushaka rumwe muri izo ndimi, maze mukande ahanditse ngo “Shakisha.” Niba urwo rurimi ruboneka, muvaneho inyandiko yo muri urwo rurimi cyangwa ibyafashwe amajwi, kugira ngo mumenye imiterere y’urwo rurimi n’uko ruvugwa.

